IGIKORWA CYO KWIBUKA INZIRAKARENGANE ZAZIZE JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU W'1994 MURI PARUWASI YA MUHORORO

Ku wa gatatu tariki 22/06/2016, Paruwasi ya Muhororo yakoze igikorwa cyo kwibuka abasaseridoti, abihayimana n'imbaga y'abakristu b'iyo paruwasi bazize Jenoside yakorewe abatutsi mu mwaka w'1994. Icyo gikorwa cyabimburiwe n'Igitambo cya Misa yatuwe na Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo.

Mu nyigisho ye, Umushumba wa Diyosezi ya yatangiye avuga ko aba twibuka bacujwe ubuzima bwabo kubera akarengane, barangwaga n'ibikorwa byiza. Ishyari rya sekibi ryafashe abantu bamwe ribabuza kurangamira Imana ahubwo ribashyiramo kuyirangamira yo ubwayo bituma bakora amarorerwa ya Jenoside.

Izi nzirakarengane twibuka ni intungane ndetse roho zabo ziri mu biganza by'Imana nk'uko igitabo cy'ubuhanga kibitubwira. Twaje kwibuka izo nzirakarengane no guhumuriza imiryango y'ababuze ababo, nk'uko Pawulo

Mutagatifu abitubwira mu isomo rya mbere aho agira ati "mujye muhumurizanya muri ayamagambo".

Abakoze Jenoside bari babuze gutekereza bituma bica muntu waremwe mu ishusho y'Imana. Bakoze icyaha nk'icya Gahini yica aberi kandi ariwe areba imbere ye; ni nayo mpamvu byamugarutse. Nibyo kandi byagize ingaruka ku bakoze Jenoside.

Izi nzirakatengane twaje kuzibuka tuzi neza ko roho zabo ziri mu biganza bya Nyagasani. Niyo mpavu Yezu yatubwiye mu Ivanjiri ko ntawe yazimije. Yaje gutsinda icyaha cyakozwe na Gahini. Natwe Nyagasani aradusaba mu buzima bwacu ngo dusabe ko buri gihe ineza yaganza inabi. Aba dusabira amasengesho yacu tubavugira agere kuri Nyagasani kandi ayabo atugirire akamaro.

Nyuma yo kuva ku Rwibutso padiri Bernard KANAYOGE, padiri mukuru wa Paruwasi ya Muhororo yerekanye abashyitsi ahereye kuri Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA , abapadiri bitabiriye, abihayimana, abo mu muryango wa padri RWIGENZA François, abo muryango wa Padiri RWAGASORE Ludoviko, abahagarariye imiryango yabuze ababo bashyinguye muri ruriya rwibutso bose. Yerekanye kandi Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'umurenge wa Gatumba, uhagarariye ingoabo na polisi n'abandi.

Padiri Bernard KANAYOGE yakomeje yihanganisha ababuze ababo, kandi izo nzirakarengane azifuriza iruhuko ridashira. Yaboneyeho kutubwira ko habonetse inkunga yo gufasha mu kubungabunga urwibutso ingana n'amafaranga 50,000.

Hakurikiyeho ijambo rya provinciale w'Abenebikira, aho yagize ati"aba twibuka bazize uko bavutse babica urw'agashinyaguro, babaye intore kandi bahuye n'urugamba rukomeye kandi bararutsinze". Yakomeje ashimira Imana yabafashije kuba intwari. Yasubiyemo uburyo abasaseridoti barwanye ku buryo bwose ku bantu bari baje bagana aha. Yongeyeho ko aba bantu twibuka batazize uburwayi cyangwa inzara , ahubwo bazize ubwicanyi.

Yabashimiye urukundo , ubutwari n'ubwitange bwabaranze yishimira ko bose bapfuye urwa Nyagasani. Yababajwe n'uko abicanyi batigeze bazirikana ineza n'urukundo byaranze ziriya nzirakarengane, ari nabyo biziha kuba abatagatifu. Ubwo butagatifu bwazo zaronse nibwo buduhoza. Umurage badusigiye ni uko

bagize urukundo , ubwitange nk'ibya Kistu ku musaraba. Yasoje agira ati"tuzahora tubibuka".

Nyuma twakurikiranye ijambo rya Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, yashimiye abapadiri n'abihayImana babaye ku Muhororo muri kiriya gihe. Ati"ibyabaye byarabaye , tugomba kubaka U Rwanda rushya kandi ubukristu bugomba kutubyarira ubuvandimwe nyabwo". Abapadiri, abenebikira n' abahire baranzwe n'impuhwe bagaragaza impuhwe n'ubumuntu. Yibukije abantu bari aho kwita ku bana n'urubyiruko kugira ngo hatazigera hongera amarorerwa dore ko abenshi baguye muri kiriya cyaha n'ubwo batabyikoresheje ko ari urubyiruko. Yarangije yihanganisha imiryango y'ababuze ababo.

Padiri NSHIMYUMUREMYI Straton